Bibiliya y'abana

irerekana

Itangiriro ry'umubabaro w'umuntu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Imana yaremye byose! Igihe
Imana yaremye umuntu wa mbere,
Adamu, yar'atuye mu busitani bwa
Edeni n'umugore we, Eva. Bari bafite
ibyishimo byuzuye bubaha Imana,
banezererwa kuba kumwe
nayo kugeza umunsi umwe ...

Inzoka ibaza Eva iti, "Imana yababujije kurya kuri buri giti cyose?" Eva arasubiza ati, "Dushobora kurya urubuto urwarirwo rwose usibye rumwe. Ni turya cyangwa tugakora kuri urwo rubuto, tuzapfa.
"Inzoka iseka iti," Ntimuzapfa ...

"Muzamera nk'Imana." Eva ashaka urubuto rwa cya giti. Yumvira inzoka maze arya urubuto.

Nyuma y'uko Eva atumviye Imana yafashije Adamu nawe kurya urubuto. Adamu yashoboraga kuvuga ati, "Si nsuzugura ijambo ry'Imana."

Igihe Adamu na Eva bacumuye,
bombi bamenyeko bambaye ubusa. Badoda
ubucocero mu bibabi by'imitini, bariyambika,
bihisha mu gihuru amaso y'Imana.

Mu mafu ya nimunsi, Imana yaje mu busitani. bamenye ko ibyo Adamu na Eva bari bakoze. Adamu yashinje Eva. Eva ashinja inzoka. Imana iravuga iti, "Inzoka iravumwe. Umugore azajya agira ububabare mu kubyara abana."

"Adamu, kuko wacumuye, ubutaka buvumwe kubaho amahwa n'ibivunanye. Uzakora wiyuhe akuya kugirango ubone ibyo kurya bya buri munsi."

Imana yirukana Adamu na
Eva mu busitani bwiza.
Kuko bacumuye, bari
batandukanye n'Imana
umutangabugingo!

Imana ikora inkota yaka umuriro yo kubagumisha hanze. Imana iremera Adamu na Eva imyambaro y'impu. Imana yakuye hehe impu?

Muri icyo gihe, umuryango waravutse kuri Adamu na Eva. Umuhungu wabo wambere, Kayini, yari umuhinzi, Umuhungu wabo wa kabiri, Abeli, yari umwungeri w'intama.

Umunsi umwe Kayini azanira Imana ituro ku imboga. Abeli azanira Imana ituro ku ntama ze nziza. Imana ishimishwa n'ituro rya Abeli.

Imana ntiyashiimishijwe n'ituro rya Kayini. Kayini ararakara cyane. Ariko Imana iravuga iti, "Nukora ibyiza, ntuzemerwa?"

Uburakari bwa Kayini ntibwashira. Nyuma mu gasozi ahagurukira Abeli, aramwica.

Imana ibwira Kayini iti, "Murumuna wawe Abeli arihe?" Kayini aramubeshya ati, "ntabwo mbizi."
"Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?"
Imana ihanisha Kayini kumwambura ububasha bwo guhinga akeza no kumugira inzererezi.

Kayini yavuye mu maso y'Uwiteka. Yari yarashyingiranywe n'umukobwa w'Adamu na Eva. Bakuza umuryango.

Nyuma y'igihe gito, abuzukuru n'abuzukuruza ba Kayini buzura umurwa yahanze.

Muri icyo gihe, umuryango w'Adamu na Eva wakuze vuba. Muri iyo minsi, abantu bararambaga kurusha ubu.

Igihe umuhungu we Seti yavukaga, Eva aravuga ati, "Imana yampaye Seti ngo asimbure Abeli." Seti yari umugabo utunganye wabayeho imyaka 912 agira n'abana benshi.

Mu isi, abantu barushaho
kugenda baba babi uko
ibisekuru bikurikirana.
Birangira Imana yiyemeje
kurimbura
ubwoko n' ...

... Inyamaswa zose n'inyoni. Imana yicujije ukuntu yaremye umuntu. Ariko umugabo umwe yashimishije Imana ...

Uyu mugabo yari Nowa.
Ukomoka kuri Seti, Nowa
yari intungane akaba
n'umukiranutsi.
Yagendanaga
n'Imana.

Yari yarigishije n'abahungu be batatu kumvira Imana. Noneho Imana iteganya gukoresha Nowa mu buryo bw'amayobera kandi budasanzwe.

Itangiriro ry'umubabaro w'umuntu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 3-6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16